REPUBURIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

ICYEMEZO CY'UMUCAMANZA MU RUBANZA RP/ECON 00012/2019/TGI/HYE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

----------------------------------------------------------------

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri,umunsi wa 28 w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe MUSABWA Innocent,Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye,dufatanije na MUBEREYIKI Eugénie, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza RP/ECON 00012/2019/TGI/HYE,Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo NDAGIJIMANA Innocent icyaha cyo gukora no gukoresha inyandikompimbano <u>,ruzaburanishwa ku wa 09/03/2020;</u>

Tumaze kubona ko NDAGIJIMANA Innocent mwene BUTO Lameki na NYIRAMAGAJU Martha, wavutse mu 1978 wabarizwaga i Tumba mu Karere ka Huye; ubu akaba atagira aho abarizwa hazwi kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera nkuko byemejwe n'Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye;

<u>KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:</u>

Dushingiye ku ngingo za 160,161 na 162 z'itegeko n°027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse NDAGIJIMANA Innocent <u>kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 09/ 03/ 2020 saa mbiri n'igice za mugitondo</u> ku cyicaro cyarwo i Ngoma ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari;

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru « IMVAHO NSHYA » mu minsi 8.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye.

Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka,umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| <u>Umucamanza</u> | <u>Umwanditsi</u> |
|---|---|
| (sé) | (sé) |
| MUSABWA Innocent | MUBEREYIKI Eugénie |

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

Copie certifiée conforme à l'original

par Greffier MUBEREYIKI Eugénie

le 29/1/2020